# 375: Habay'umunsi w'ishimwe mw'ijuru

1.

Habay'umunsi w'ishimwe mw'ijuru
Yesu yitanga ngw'agere mw'isi
Aza kubyarwa n'umwar'utunganye
Uwer'aturana natw'ababi

Ref:

Dore urukundo rwatumy'ampfira
Ibyaha byanjy'abibamba mu mva
Maz'arazuka ngo ampuze na Se
Nagaruka nzamushimir'ibyo

2.

Habay'umunsi babamb'Umukiza
I Gologota ku Musaraba
Ahemurw'avumw'atukwa n'abantu
Yikorera ibyaha byanjye byose

3.

Habay'umuns'aruhukira mu mva
Harindwa n'abamarayika be
Niko yitanze ngo amber'Umukiza
Bihebe mwese,mumwiringire

4.

Habay'umunsi satan'aratsindwa
Ntiyaheza Yesu mu gituro
Nukw'arazuka,urupf'arutsinze,
None ari mw'ijuru iburyo bwa Se

5.

Hazab’umunsi tuzumv’ah’impanda
Harabagiran’ijuru ryose
Yes’uwo azaza mu bwiza bwe bwose
Azim’ingoma uwo Mwami wanjye

Visit us at indirimbo.com